# Ntumwice, kuko numwica araba agiye mu mwanya wawe mbere y'uko umwica, nawe ujye mu mwanya we mbere y'uko avuga ibyo yavuze

Hadith yaturutse kwa Al Miq'dad Ibun Amri Al Kindiy (Imana imwishimire) yavuze ko Yabajije Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ati: Urabibona ute ndamutse mpuye n'umugabo umwe w'umuhakanyi tugasakirana mu mirwano, akanca ukuboko kumwe n'inkota ye, hanyuma akanyihisha inyuma y'igiti akavuga ati: Mbaye umuyisilamu kubera Allah, ese namwica yewe Ntumwa y'Imana nyuma y'uko abivuze? Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iramubwira iti: Ntuzamwice! Aravuga ati: Yewe Ntumwa y'Imana, none ko yaciye ukuboko kwanjye, biriya akaba yabivuze nyuma yo kuguca? Nuko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'amahoro n'imigisha) iravuga iti: Ntumwice, kuko numwica araba agiye mu mwanya wawe mbere y'uko umwica, nawe ujye mu mwanya we mbere y'uko avuga ibyo yavuze."

[Hadithi y'impamo] [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]

Al Miqdad Ibun Al As'wad (Imana imwishimire) yabajije Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) igihe yaba ahuriye ku rugamba n'umwe mu bahakanyi, bagasakirana n'inkota zabo, kugeza ubwo uwo muhakanyi amuciye ukuboko, hanyuma aguhungira inyuma y'igiti agahita avuga ko ahamya ko nta yindi mana ikwiye kugaragirwa by'ukuri uretse Allah, ese naba nziruriwe kumwica nyuma y'uko yanciye ukuboko? Nuko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iramubwira iti: Ntuzamwice. Arongera aravuga ati: Yewe Ntumwa y'Imana, kandi yanciye ukuboko hanyuma mureke simwice? Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iravuga iti: Ntuzamwice, kuko amaraso ye yahise aba ikizira kuri wowe, kandi uramutse umwishe nyuma yo kuba umuyisilamu, ubwo azaba ameze nkawe aziririjwe kwicwa kubera kuba umuyisilamu, nawe ube ugiye mu mwanya we ube wemerewe kwicwa byo guhora uzira ko wamwishe.

http://www.sunnah.global/hadeeth/rw/show/4815